REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO
SIPORO N'UMUCO
TEL. (250) 83527
FAX. (250) 83518
B.P. 1044 KIGALI

KIGALI, le 31/03/99...

No 1166/20.00

Nyakubahwa Perezida
wa Repubulika y'u Rwanda
KIGALI

IMPAMVU : **GUSABA URUHUSHYA RWO KUJYA MU BUTUMWA MU MAHANGA**

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,

Nejejwe no kubandikira mbasaba ko mwampa njye n'intumwa nzaba nyoboye, uruhushya rwo kujya i Beijing ho mu Bushinwa ku butumire bwa mugenzi wanjye w'Umuco wifuje yuko nazasura igihugu cyabo mu kwezi kwa Mata uyu mwaka. Ubwo butumire bwatanzwe n'uwungirije Minisitiri w'Umuco w'Ubushinwa, ubwo Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bw'akarere y'u Rwanda yasuraga Ubushinwa mu Kwakira 1998.

Izo ntumwa nzaba nyoboye ni izi zikurikira :

1. Bwana Petero KAREMERA : Umunyamabanga wanjye Wihariye
2. Bwana David NYANSHAYIJA : Umuyobozi w'Urubyiruko

Jyewe n'izo ntumwa nzaba nyoboye tuzava i Kigali tariki ya 17/04/99 tugaruke ku ya 01/05/1999.

Ibikenewe byose muri ubwo butumwa bizatangwa na Leta y'u Rwanda.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Ku mugereka w'uru rwandiko, mboherereje inyandiko-nyibutsa ijyanye n'ubwo butumwa n'amakopi y'amabaruwa abwerekeyeho.

Mbaye mbashimiye.

Faransisiko NGARAMBE

Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo n'Umuco

BIMENYESHEJWE :

- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika
  Akaba na Minisitiri w'Ingabo n'Ubusugire bw'Igihugu
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Bwana Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga
  N'Ubutwererane bw'Akarere